-R.U.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA
2367

ASTRIDA, le 26 Mai 1956.-

IMPAMVU:
Gisihwi c/Mazina.

Nº 857/A.I.

Ku Mutware w'Intara MBANDA.-

Nabonye urwandiko rwawe rwo kuli 25 Mayi rwasubizaga urwanjye nº 824/A.I. rwo kuli tariki 25.5.1956. None rero ubwo Giswhi yatsindiwe aho ashaka kandi akaba ashaka kuguma ku musozi Rukira ukwiliye hamwe n'Umutware w'umusozi Mazina kumushakira ahandi hatari mwiraho abasha gutura ,bakamugerera.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,

Territoire y'ASTRIDA

Intara ya NYARUGURU

nº 357.56/T.I

Objet :

Urubanza rwa

Gishwi c/Mazina S/Chef

Kuli Bwana Administrateur utegeka Territoire

A S T R I D A,-

Bwana Administrateur,

Kugisubizo cy'ibarua yanyu nº 824/A.I yo kuli tariki 23.5.56, ndabamenyesha ko ubgo duherukana kubonana nabu:vishije ko Mazina aliwe watsinze Gishwi aliko Urukiko rukatuza Mazina guha Rusharaza aho hantu.Mazina lero ubu yanze gusubiza Gishwi aho hantu kuko yahamutsi ndiye kandi biru:vikana kuko niba S/Chef yaraburanye n'ingabo ahubgo yamuh'ibindi bintu aho ku ugarurira aho yamutsindiye.

Sihanga kuba nasubiza Gishwi ibyo bintu aliko ntaburyo yabitungana amanoro kuli S/Chef.Ikindi lero nanone mubitegetse nahamuka ntiriwe ngira ikindi nkurikiza aliko bikaba binyuranye n'urubanza rwaciye.

Nijye Umutwale w'Intara M B A N D A.H

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 23 Mai 1956.-

IMPAMVU:
Urubanza rwa Gishwi na s/chef Mazina.

Nº 824/A.I.

Ku Mutware w'Intara MBANDA.-

Ndakumenyesha ko hambere nakwandikiye nkubwira kurangiza iby'urubanza rw'umugabo witwa Gishwi w'i Rukira n'umutware w'Umusozi MAZINA. Kugeza ubu ntakirakorwa. None rerondifuza ko ubirangiza vuba niba bidashoboka kandi ukambwira ikibibuza. Uyu muntu ahora aza hano kumbwira ko ibyo yatsindiye yabibuze. Hambere aha kandi nabikubwiriye mu biro nkubwira ;kujya kubirangiza.Nzabone,igisubizo cyawe kuli,26.Mayi.1956.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 28 Avril 1956.-

IMPAMVU:
Gishwi c/Mazina.

Nº 685/A.I.

Note pour le Chef MBANDA.-

J'ai l'honneur de vous demander de bien vouloir vous rendre à la sous-chefferie Rukira pour arranger l'affaire Gishwi-Mazina. Il paraitrait d'après les dires de Gishwi que le jugement rendu par le Tribunal de Territoire que je présidais ne serait pas encore exécuté. Il s'agissait d'une propriété que Mazina devait restituer à Gishwi. Vous me tiendrez au courant de la solution intervenue.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,